Ubutumwa- Buvuye Inyuma y'Ikirere

Niby'ukuri Abamaraika bariho. Rimwe na rimwe bitwa Abakerubi cyangwa Abaserafi, iyi myuka ikomeye yigishanya ububasha (cyangwa abamaraika), igaragara mu mateka ya Biblia yose. Kenshi bagaragara barinda kandi bayobora ubwoko bw'Imana, rimwe na rimwe bahana ikibi- ariko kimwe mu by'ingenzi mu butumwa bwabo ni ukwerekana no gusobanura ubuhanuzi. Mwari muzi ko Imana yavuze ikintu kidasanzwe ikinyujije mu bamaraika bayo ngo kigezwe ku bwoko bwazahaye bwo muri isi yacu y'umuvurungano n'umwiryane? Mu Byahishuwe 14, Imana yerekana ubutumwa bw'agahozo bwo mu minsi iheruka buhishwe mu bimenyetso bw'abamaraika batatu baguruka. Ubu butumwa n'ingirakamaro cyane, kuko mu gihe burangije kubwirizwa, nibwo Yesu azaherako agaruke! Icyi cyigisho kizabafasha gusobanukirwa cyangwa no kubibona neza, kandi infasha-nyigisho zikubiye mu ngingo munani zizatanga ibisobanuro birambuye cyangwa byimbitse bizira amakemwa. Mukomeze imikandandara n'imyeko yanyu, ubutumwa bw'Imana ubwayo kuri wowe buri hafi gusobanurwa.

1. Ni kuki tugomba kwiga Ibyahishuwe? Ntibyafungishjwe ikimenyetso?

Igisubizo: Hari impamvu esheshatu z'ingirakamaro zo kwiga Ibyahishuwe.
A. Ntibyigeze bifatanishwa ikimenyetso (Ibyahishuwe 22:10). Iby'intambara ishyize cyera hagati ya Kristo na Satani, wongeyeho amayeri y' umubi n'imigambi mibisha iyobya yo mu minsi iheruka byose bishyirwa ku mugaragaro mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Satani ntashobora mu buryo bumworoheye guteg'imitego ubwoko buzi neza ubuhendanyi bwe, kubw'ibyo yiringira ko abantu bazizera ko Ibyahishuwe byafungishijwe ikimenyetso.

B. Ijambo nyaryo "Ibyahishuwe" risobanurwa ngo "igitwikuruye", "igifunguwe" cyangwa "igihishuwe"—ibi binyuranije no gufatanishwa ikimenyetso. Byakunze gushyirwa ku mugaragaro igihe cyose.

C. Ibyahishuwe ni igitabo cya Yesu mu buryo bwihariye. Icyi gitabo gitangira ngo: "Ibyahishuwe na Yesu Kristo." Binatanga kandi ipica yerekana Yesu ubwe mu Byahishuwe 1:13-16. Nta kindi gitabo muri Biblia cyerekana Yesu, inyigisho ze zo mu minsi iheruka, imigambi y'umurimo we n'ubwoko bwe nkuko Ibyahishuwe bibivuga.

D. Umugambi shingiro wo kwandiaka Ibyahishuwe ni ugukomeza abantu bo muri ki gihe cyacu—mbere yuko Yesu agaruka (Ibyahishuwe 1:1-3; 3:11; 22:6, 7, 12, 20).

E. umugisha udasanswe wasezeraniwe abasoma Ibyahishuwe bakitondera inama zo muri cyo (Ibyahishuwe 1:3; 22:7).

F. Ibyahishuwe bitanga umwirondoro k'ubwoko bw'Imana bwo mu gihe giheruka n'itorero n'u**mucyo u**tunguranye. Igitabo cy'Ibyahishuwe kigarurira Biblia ubuzima iyo ubona ibyari byaravuzwe muricyo biriho biba mur'iyi minsi iheruka. Kinavuga mu buryo bwuzuye icyo itorero ry'Imana rigomba kubwiriza mur'iyi minsi iheruka (Ibyahishuwe 14:6-14). Mu magambo make iki cyigisho nyobozi kizaguha ibisobanuro by'iryo bwirizwa maze uzarimenye igihe rizaba rivugwa.

Icyitonderwa: *Mbere yo gukomeza, ngusabye kubumbura Biblia yawe maze usome mu Byahishuwe 14:6-14.*

2. Imana yatumye itorero ryayo kugeza ubutumwa bwiza ku byaremwe byose (Mariko 16:15). Ni mu buhe buryo agereranya uyu murimo wera mu gitabo cy'Ibyahishuwe?

"Nuko mbona maraika wundi aguruka aringanije, afite ubutumwa bw'iteka ryose, ngo abubwire…Kandi aho maraika wundi akurikiraho avuga…Kandi maraika wa gatatu na we akurikir'abo avuga…" Ibyahishuwe 14:6-9

Igisubizo: Ijambo maraika mu buryo ryanditswe risobanurwa "intumwa" nuko rero birunvikana ko Imana ikoresha abamaraika batatu kugereranya ubutumwa bwiza mu ngingo eshatu mur'iyi minsi iheruka. Imana ikoresha ishusho y'abamaraika kutwibutsa imbaraga ndenga-kamere izaherekeza ubutumwa.

3. Ni izihe ngingo ebyiri z'ingenzi Ibyahishuwe 14:6 zerekana ubutumwa bw'Imana bwo mu minsi iheruka?

"Nuko mbona maraika aguruka aringanije ijuru afit'ubutumwa bw'iteka ryose ngo abubwire abari mw isi yose, bo mu mahanga yose, n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose. "Ibyahishuwe 14:6."

Igisubizo: Ingingo ebyiri z'ingenzi ni izi: 1. Ni uko "ar'ubutumwa bw'iteka ryose," kandi (2) nuko bukwiriye kuvugwa cyangwa kugezwa ku muntu wese uri kw isi. Ubutumwa bw'abamaraika batatu bushimangira ubutumwa bwiza, ku buryo bwerekana ku mugaragaro ko abantu bazakizwa no kwizera mu kwemera Yesu Kristo wenyine (Ibyakozwe 4:12; Mariko 10;26, 27). Ubwo nta yindi nzira yo gukirizwamo iriho, ni icyaha kuvuga ko har'indi nzira

Ibinyoma bya Satani

Mu binyoma byinshi bya Satani harimo ibi bibiri by'ukuri: (1) gukizwa n'imirimo, no (2) Gukirizwa mu cyaha. Ibi binyoma bibiri byaratahuwe kandi byerekaniwe mu butumwa bw'abamaraika batatu. Ku buryo butagaragara, byinshi byomatanye na kimwe mur'ibi binyoma bibiri kandi benshi bagerageza kubyubakiraho iby'agakiza—n'inyigisho zitagiraho zishingiye. Dukwiriye kwerura ko nta numwe wigisha ubutumwa bwiza bwa Yesu mu minsi iheruka atigishije ubutumwa bw'abamaraika batatu

4. Ni zihe ngingo enye zihariye zivugwa mu butumwa bwa maraika wa mbere?

"Avug'ijwi rirenga ati: Nimwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igihe cyo guc'imanza gisohoye; kandi muramye Iyaremy'ijuru, n'isi, n'inyanja n'amasoko." Ibyahishuwe 14:7

Igisubizo
A. Mwubahe Imana. Ibi bisobanura ko dukwiriye kunamira Imana kandi tukayihanga amaso dufit'urukundo, kwizera n'ikinyabupfura—dufit'ubwuzu bwo kuyikorera tutishisha. Ibi biturinda ikibi. "Kubaha Uwiteka niko gutuma abantu bareka ikibi." Imigani 16:6. Salomo, umunyabwenge, arongera akavug'ati: "Wubahe Imana, kandi ukomeze amategeko yayo: kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese." Umubwiriza 12:13

B. Muhimbaze Imana. Dusohoza iri tegeko igihe twubashye, duhimbaje, kand dushima Imana kubw'ineza yayo itugirira. Kimwe mu byaha bikomeye byo mu minsi y'imperuka n'ukutanyurwa (2 Timoteyo 3:1, 2).

C. Igihe cyo guc'imanza kirasohoye. Ibi bigaragaza ko buri wese afite ibimureba ku Mana, kandi birunvikana ko guc'imanza ubu biriho birakorwa. Ubusobanuro bwinshi bukoresha buvuga ngo "kiraje" mu mwanya wo kuvuga ngo "kirasohoye."

D. Muramye Umuremyi. Uku gutegeka kuvanaho burundu ibigirwamana by'uburyo bwose—harimo nuko umuntu yiha icyubahiro cyo gusengwa we bwite; ku kanasibanganya ibyo kwishyira hejuru ariko guhakana Imana ko ar'Umuremyi n'Umucunguzi. (Ibitabo byinshi no kuvugira kuri Radio mur'iyi minsi byerekana kwiha agaciro kw'abantu aribyo bibageze ku rwego rwo kwigira ibigirwamana. Agaciro k'Umukristo kari muri Kristo we uha ubushobozi abana be bwo kuba abahungu n'abakobwa b' Umwami w'ijuru).

Ubutumwa bwiza burimo iby'irema no gucungurwa kw'isi n'Umwami Imana Nyirijuru. Kuramya Umuremyi birimo kumuramya ku munsi Yikubitiye nk'urwibutso rw'irema (umunsi wa karindwi ari wo Sabato). Ibyo tubona mu Byahishuwe 14:7 ni Isabato yashyizwe ku mugaragaro bitewe n'amagambo "Yaremy'ijuru, n'isi, n'inyanja" byahaye agaciro mu itegeko ry'i Sabato (Kuva 20:11) ariko rikoreshwa aha ngaha mu Byahishuwe. Inkomoko nyakuri iri Mana ubwayo, Yaturemye ku ishusho Yayo kuva mw itangira. Abataramy'Imana nk'Umuremyi—ibyo baba baramya byose—ntibashobora na rimwe kugaragaza inkomoko yabyo nyakuri.

5. Ni yihe mvugo ikomeye maraika wa kabiri yakoresheje yerekeye Babuloni? Ni ki maraika wo Byahishuwe 18 ategeka ubwoko bw'Imana gukora?

Nuko maraika wundi akurikiraho n'ijwi rirenga ati: Babuloni iraguye. "Ibyahishuwe 14:8. "Mbona maraika wundi amanuka ava mw ijuru…. Arangurura n'ijwi rirenga, ati: Iraguye, iraguye, Babuloni ikomeye….Nuko numv'irindi jwi rivugira mw ijuru, riti: "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo." Ibyahishuwe 18:1-4

Igisubizo: Maraika wa kabiri yavuze akomeje avug' ati: "Iraguye Babuloni," kandi ijwi rivugira mw ijuru ryingingira ubwoko bw'Imana gusohoka bwangu bidatinze muri Babuloni. Keretse uzi Babuloni icy'ari cyo bitabaye ibyo iherezo ushobora kwibona muri yo. Mubitekereze neza. Mushobora kwibona muri Babuloni mur'iki gihe?

6. Ni ibiki ubutumwa bwa maraika wa gatatu busaba bukomeje kwirinda?
Maraika wa gatatu akurikiraho avuga n'ijwi rirenga ati: "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga, cyangwa mu kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w'Imana." Ibyahishuwe 14:9,10.

Igisubizo: Ubutumwa bwa maraika wa gatatu bwihanagiririrz'abantu kutaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo no kudashyirwa ikimenyetso cy'inyamaswa mu mpanga no biganza byayo. Maraika wa mbere ategeka kuramya ku kuri. Maraika wa gatatu avuga iby'ingaruka zitey'ubwoba ku bafite kuramya kw'ibinyoma. Musobanukiwe by'ukuri ni yo nyamaswa iy'ari yo? N'ikimenyetso cyayo? Keretse muzi neza mu buryo nyabwo iyo nyamaswa iy'ari yo n'ikimenyetso cyayo icy'ari cyo, iherezo muzibona muyiramya mutabizi.

7. Ni izihe ngingo enye zivugwa neza Imana itanga mu Byahishuwe 14:12 ku bwoko bwayo bwemera kandi bukurikira ubutumwa bw'abamaraika batatu?
"Aho ni ho kwihangana kw'abera: aho ni ho bitondera amategeko y'Imana, bakagira kwizera nk'ukwa Yesu."

Igisubizo
A. Barihangana, kandi bakab'indahemuka kugeza kw

iherezo—bategekwa mur'iki gihe "bikor'ubu." Ubwoko bw'Imana buyigaragarisha kwihangana kwabo, imibereho y'urukundo.
B. Ni abera, kuko bari mu ruhande rw'Imana byimazeyo.

C. Bitondera amategeko y'Imana. Ubu bwoko bw'Imana bwishima bwubaha amategeko yaYo ukw ari cumi n'andi mategeko yose yabahaye. Ikibashimisha bwa mbere nugukora ibishimwa naYo, Imana bakunda. (1 Yohana 3:22).
D. Bafite kwizera nk'ukwa Yesu. Iyi ngingo nayo ishobora banurwa ngo" kwizera Yesu." Mu ruhande urw'arirwo rwose, ubwoko bw'Imana buyikurikira mu buryo busesuye kandi bukayiringira mu buryo busesuye

8. Iyo ubwo butumwa bw'abamarayika batatu bumaze kugezwa kubantu bose ni iki gikurikiraho? (nyigisho zimaze kugezwa ku bantu bose ni ki gihita kizikurikira)? "Nuko mbona igicu cyera; n'uwicaye ku gicu cyera usa n'Umwana w'umuntu, wambaye ikamba ry'izahabu ku mutwe." Ibyahishuwe 14:14

Igisubizo: Uwo mwanya nyuma yuko ubutumwa bw'abamaraika batatu bugera kuri buri wese, Yesu azagaruka mu bicu (kuza kwe kwa kabiri) kujyana abantu be mu rugo rwe mw' ijuru. Ubwo naboneka kubicu wa mubare w'imyaka 1000 uboneka mu gice cya 20 cy'ibyahishuwe izahita itangira.

9. Intumwa Petero ivuga ukuri kwo muri iki gihe mu 2 Petero 1:12; Ibyo bisobanura iki?
Igisubizo: Ukuri kwo muri iki gihe ni Ubutumwa bwiza bw'iteka, ubutumwa bufite gutebutsa kwihariye kw' igihe runaka. Ibyitegererezo ni ibi:kandi byari kuba biteye isoni bikabije kutabwiriza ubwo butumwa.
A. Ubutumwa bwa Nowa bwo kuza k'umwuzure (Itangiriro 6 ni 7; 2 Petero 2:5). Nowa yar'umubwiriza wo gukiranuka. Yigishije urukundo rw'Imana ubwo yaburiraga abantu ibyo kuza kw'umwuzure wagombaga kurimbura isi. Ubu butumwa bw'umwuzure bwari ukuri kwo muri icyo gihe. Kwihutiraga gutabaza ngo "muze mu nkuge."Kandi icy'ingenzi nuko kutabwiriza ubwo butumwa byari uguta ubwenge.

Ishingiro ry'ubutumwa bw'ukuri bwa Nowa muri ricyo gihe kw'ar'ukuza k'umwuzure.

Ukuri kw'igihe cya Nowa kwar'uko Niniwe igiye kurimbuka mu minsi 40.

B. Ubutumwa bwa Yona I Niniwe (Yona 3:4). Ukuri kw'igihe cya Yona kw ar'uko Niniwe igiye kurimbuka mu gihe cy'iminsi 40. Yona na we yerereje kuvug'Umukiza, maze umugi urihana. Nyamara, kudatanga imiburo muri iyo minsi 40 byari gutera kutizerwa n'ukutababarirwa. Uko kwar'ukuri kw'icyo gihe. Bwari ubutumwa bushyitse bwavuzwe mu nzira idasanzwe.

C. Ubutumwa bwa Yohana Umubatiza (Matayo 3:1-3; Luka 1:17). Ukuri kwo mu gihe cya Yohana kw ar'uko Yesu, Messia, agiye kwerekanwa. Umurimo we war'ukwerekana ubutumwa bwiza no kwiteguza abantu ko Yesu yari agiye kuza bwa mbere. Mu gihe cye, ntibyari kwumvikana kutavuga uwo mugabane shingiro ry'ubutumwa bwiza.

Ukuri kw igihe cya Yohana Umubatiza kw ar'uko Messia yari agiye kuza vuba bidatinze.

Ubutumwa bw'abamaraika batatu n'ukuri kw'igihe cy'Imana muri yi minsi

D. Ubutumwa bw'abamaraika batatu (Ibyahishuwe 14:6-14). Ukuri kw'Imana kwo muri iki gihe kuboneka mu butumwa bw'abamaraika batatu. Nikoko, agakiza kabonerwa gusa muri Yesu Kristo ni ryo shingiro ry'ubu butumwa. Nyamara, ukuri kwo muri iki gihe kw'abamaraika batatu na ko kwatangiwe gutegurir' abantu ibyo kugaruka kwa Yesu kwa kabiri no kubakangurira gusobanukirwa n'ibinyoma n' uburiganya buhanitse bwa Satani. Keretse abantu barushijeho kumva neza ubu butumwa, nah'ubundi Satani azabafata mpiri kandi azabarimbuza. Yesu yamenye ko twari dukeneye ubu butumwa budasanzwe. Ntabwo bugomba kwirengagizwa. Nyamuneka musenge mushyizeh'umwete ari ko murushaho kugenzura ingingo ku yindi mu byigisho munani (8) bikurikira.

Bimwe mu guhishurirwa kwanyu bishobora kuba ibibatera kugubwa nabi. Ariko kandi byose bizabashimisha. Imitima yanyu izakanguka mu buryo butangaje. Muziyumvamo Yesu abavugiramo. Kandi nikoko, ni ubutumwa bwe.

10. Ni nde Biblia ivuga kw azaza gutang'ubutumwa bw'ukuri kwiki gihe mbere y'umunsi ukomeye w'Umwami?
"Dore nzabohereereza umuhanuzi Eliya mbere y'umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi utey'ubwoba utaragera."Malakia 4:5.

Igisubizo: Eliya umuhanuzi. Hari ikintu cy'ingenzi cyerekeye Eliya n'ubutumwa bwe, nkuko biboneka mu bibazo bikurikira:

11. Ni ki Eliya yakoze cyateye Uwiteka kumukomera ho?

Icyitonderwa: Nyamuneka murebe Biblia zanyu musomane ubwitonzi 1 Abami 18:17-40 mbere yuko dusubiza iki kibazo.

Igisubizo:

Eliya yatey'umwete abantu gushyira mu bwenge bwabo uwo bakwiriye gukorera uwari we (umurongo wa 21). Ishyanga ryose ryari ryuzuwemo n'ingeso yo gusenga ibigirwamana. Abantu bari bararetse Imana nyakuri n'amategeko yayo. Hariho umuhanuzi umwe w'Imana, Eliya, n'abahanuzi b'abahakanyi 450 ba Bali (umurongo wa 22). Eliya yatanze igitekerezo ko hakwiriye kwubakwa ibicaniro bibiri maze we nabo bahanuzi b'ibinyoma ngo bashyireho inkwi n'ikimasa kuri burigicaniro. Arababwira ati: musabe Imana y'ukuri gusubirisha umuriro kuri cyo gicaniro. Ikigirwamana nta gisubizo cyatanze, ariko Imana y'ukuri ya Eliya yohereza umuriro uvuye mw ijuru ukongora igitambo cya Eliya.

Ubutumwa bwatumye hafatwa icyemezo

Ubutumwa bwa Eliya bwaje mu gihe har'ubukene bukomeye mu by'umwuka n'ubuhakanyi mu gihugu cyose. Bwazanye imbaraga iturutse mw ijuru mu buryo bwahagaritse ibikorwa bisanzwe byose bitera bose kurangamira ibyendaga kubaho. Nuko Eliya yingingira abantu bose guhitamo uwo bashaka gukorera Imana cyangwa Baali. Abo bantu babibonye biyemeza guhitamo gukurikira Imana.

12. Ubutumwa bwa Eliya bufite ishyirwa mu bikorwa by'uburyo bubiri. Bugendana n'ubutumwa bw'ukuri kw'igihe kiriho gutegurira

abantu kuza kwa mbere kwa Yesu n'ubutumwa bw'ukuri kw igihe kiriho gutegurira abantu kugaruka kwa kabiri kwa Yesu. Ni nde Yesu yavuze ko yabwirije ubutumwa bwa Eliya butegurir'abantu kuza kwe kwa mbere?

"Ntawazutse uruta Yohana Umubatiza." "Kandi niba mubyemera, uyu ni we Eliyasi (Eliya), wagombaga kuza." Matayo 11:11,14

Igisubizo: Yesu yitiriye ubutumwa bwa Yohana Umubatiza butegurira abantu kuza kwe kwa mbere"Eliya," cyangwa se ubutumwa bwa Eliya. Ubutumwa bwa Yohana nkuko buri mu gihe cya Eliya bwerekanye ukuri kuboneye kandi kugamije icyemezo. Biblia ivuga ibya Yohana Umubatiza, "Azagendera … mu mwuka no mu bushobozi bya Eliyasi (Eliya)." Luka 1:17

13. Ni mu buhe buryo tuzi ko ubuhanuzi bufite ishyirwa mubikorwa rya kabiri mbere yo kugaruka kwa kabiri?
"Dore nzabohereereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi utey'ubwoba utaragera." Malakia 4:5. "Izuba rizahinduka umwijima, n'ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsi mukuru w'Uwiteka, kand'utey'ubwoba, utaraza. Yoweli 2:31

Igisubizo: Nyamuneka nimwite kubigiye kuba byamahara kubiri bizagera mbere yuko umunsi ukomeye uteye ubwoba w'Uwiteka ugera nkuko bivugwa muri Yoweli 2:31. Kimwe, ukuza kwa Eliya. Icya kabiri, ibimenyetso bitangaje mu kirere. Ibi biradufasha kumenya aho ibyo bintu bibiri bibera. Umunsi w'umwijima wabaye muri Gicurasi, tariki ya 19, 1780. Muri ryo joro, ukwezi kwasaga nk'amaraso. Matayo 24:29 ivuga ikindi kimenyetso—kugwa kw inyenyeri, ari ko kwabaye mu Ugushyingo, tariki ya 13, 1833. Duhereye kuri cyo, tuzi iherezo ry'ibihe by'ubutumwa bwa Eliya bugomba gutangira mu gihe cya bugufi cyangwa nyuma 1833—mbere yo kuza k'umunsi ukomeye w'Uwiteka.

Ubutumwa bwa kabiri bwa Eliya nyuma y'ibimenyetso mu kirere

Niby'ukuri ko ubutumwa bwa Eliya aribwo bwa Yohana Umubatiza butagendana n'ubutumwa bwa kabiri bwa Eilya kubera ibimenyetso byo mu kirere bikomeye by'Imana byabaye hashize imyaka 1 700 nyuma yuko Yohana abwiriza ubutumwa bwe. Ubutumwa bwa Eliya bwo muri Yoweli 2:31 bwagombaga gutangira nyuma y'ibyo bimenyetso byo mu kirere mu 1833 kandi bugateguz'abantu kugaruka kwa Yesu ubwa kabiri (umurongo wa 14), ibyo bikaba biboneka mu butumwa bw'abamarayika batatu buzaba bugeze kuri buri wese utuye kw'isi.

Ubutumwa busaba kumasha. Eliya yavugaga ko har'ikibi kiriho kandi ko abantu bakwiriye kumasha bagahitamo uwo bazakorera. Ni cyo kimwe kuri twe mur'iki gihe Imana ivuganira natwe mu butumwa bw'abamaraika batatu. Kumasha gukwiriye gukorwa hakiri kare. Ubutumwa butatu bw'Imana bushyira ahagaragara imigambi ya Satani. Bwerekana urukundo rw'Imana nibyo isaba. Imana irahamagarira abantu mur'iki gihe kugira guhamya k'ukuri--guhamya Imana yonyine. Gukorera no guhamya undi uwariwe wese cyangwa icyari cyo cyose mur'iki gihe kiruhije n'ukwerekana agasuzuguro kazatera urupfu rw'iteka ryose. Mu buryo butangaje Imana irakora ku mitima mu gihe nk'icy'iminsi ya Eliya n'iminsi ya Yohana Umubatiza. Imana irakora nk'ibyo muri y'iminsi iheruka mu gihe abantu bitabirira kwakira ubutumwa bw'abamaraika batatu (Ibyahishuwe 18:1).

4. Ni uwuhe mugisha wundi w'agatangaza uzazanwa no kwigisha ibya Eliya (cyangwa ubutumwa bw'abamaraika batatu)?

"Eliya … azasangany'imitima y'abase ni y'abana, n'imitima y'abana niy'abase." Malakia 4:5,6

Igisubizo: Imana ishimwe! Ubutumwa bwa Eliya, cyangwa ubw'abamaraika batatu, buzahuriza hamwe imiryango mu gukundana, kuba hamwe, banezerewe, mugusabana kw'ab'ijuru. Mbega isezerano rishimishije!

15. Ijambo"ubutumwa" rivuga "inkuru nziza."Mbese ubutumwa bw'abamaraika batatu buboneka mu Byahishuwe 14 bwerekana inkuru nziza?

Igisubizo: Yego n'iby'ukuri koko! Reka twongere turebe inkuru nziza twabonye mu butumwa bw'abamaraika batatu.

A. Buri muntu wese azabona amahirwe yo kumva no gusobanukirwa iby'ubutumwa bwo mu minsi iheruka. Nta numwe buzacaho ngo bumurenge.
B. Imigambi y'umwanzi ihanitse kandi ikomeye yo guteg'imitego no kurimbura abantu izahishurwa ntazogera kutushuka no kutugusha.
C. Imbaraga idasanzwe mvajuru izajyana n'ikwirakwiza cyngwa kuguga ubutumwa bw'Imana mu minsi iheruka.
D. Abantu b'Imana bazarushaho kwihangana. Imana Ibita "abera."
E. Abantu b'Imana bazagira kwizera nk'ukwa Yesu.
F. Abantu b'Imana, bazubahiriza Amategeko yaYo bivuye mu rukundo baYifitiye.
G. Imana iradukunda cyane byatumye Itwohererereje ubu butumwa budutegurira kugaruka kwa Yesu.
H. Ubutumwa bw'Imana muri yi minsi iheruka buzahuza imiryango mu rukundo no mu bumwe.
I. Icyo ubutumwa bw'abamaraika batatu butsindagira nuko agakiza kagenewe buri wese kanyujijwe muri Yesu Kristo wenyine, nuko Yesu yatanze gukiranuka kwe gutwikira ibibi byacu byashize mu buryo bw'igitangaza akaduha gukiranuka kwe buri munsi kugira ngo dukurire mu buntu kandi mu by'ukuri duhinduke nka we. Muri We ntidushobora gutsindwa. Tutamufite, ntakunesha twabona.

A. Ijambo ry'umusozo
Ingingo z'ubutumwa bw'abamaraika batatu zizasobanurwa mu nyigisho zizakurikiraho n'izi:
A. Igihe cyo gucimanza kw Imana kirasohoye!
B. Nimusohoke muri Babuloni iraguye
C. Ntimwemere gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa.

Byongeye kandi inkuru nziza izahishurwa mu gihe musenga mwiga izi nyigisho ziri mu byigisho umunani bikurikiraho. Bizabatangaza kandi bibashimishe ku bintu bimwe, ku bindi bizababababaza kandi bibagwe nabi. Ingingo zimwe zishobora kubakomerera zikabarushya bikomye mu kuzemera. Ariko mu gihe Yesu yabohererereje ubutumwa budasanzwe buvuye mw ijuru gufasha no kuyobora buri wese muri twe muri iy'iminsi iheruka, n'ukuri nta kizarushaho kub'ingenzi kuruta kumv'ubu butumwa no kubusobanukirwa mu buryo bwuzuye no kubukurikiza.

16. Ndafashijwe kandi ndashima Yesu Ufite inyigisho z'ubutumwa bw'abamaraika batatu bufasha ubwoko bwe muri yi minsi iheruka y' isi.

Igisubizo

Ibibazo byo gutekerezwaho

1. Mbese buri muntu wok w isi azagerwaho n'ubutumwa bw'abamaraika batatu mbere yuko Yesu agaruka? Ku bantu uduhumbi n'uduhumbagiza bariho ubu, bizashoboka bite? (Mariko 16:15)

Yego, bizashoboka kuko Imana yabisezeranye (Mariko 16:15). Paulo aravuga ngo ubutumwa bwabwirijwe "ku baremwe bose bari munsi y'ijuru" mu gihe cye (Abakolosayi 1:23). Yona, kubw'ubuntu bw'Imana, yabashije kugez'ubutumwa ku mudugudu wose w'i Niniwe mu gihe kiri hasi y'iminsi 40 (Yona 3:4-10). Imana izarangiza umurimo, kandi izawugabanya (Abaroma 9:28). Mubizirikane. No muri yi minsi yacu, bizabaho mu buryo bwihuse.

2. Mbese Mose na Eliya bagaragaye hamwe na Yesu igihe Yahindurirwaga mo ishusho irabagirana (Matayo 17:3) cyangwa se byari iyerekwa gusa? (Matayo 17:3)

Ibyabaye ni uko byari biri. Ijambo ryo mu Rugiriki "horama", risobanurwa "kwerekwa" mu murongo wa 9, mu buryo rimeze risobanurwa ngo " ibyagaragaye". Mose yazuwe mu bapfuye ajyanwa mu ijuru (Yuda 1:9), na Eliya yahinduwe atabanje gupfa (2 Abami 2;1, 11, 12). Aba bagabo babiri, babaye ku isi babajwe mu buryo butey'ubwoba uhereye mu bishwe n'umubi n'ubugome bw'abantu b' Imana,

byunvikanisha neza ibyo Yesu yanyuzemo. Baje gukomeza no kumwibutsa abo bose bazajyanwa mu bwami bwe batabanje gusogongera urupfu (nka Eliya) n'abazavanwa mu bituro bakinjira mu bwami bwe (nka Mose) ku mpamvuz'igitambo cye kubw'ibyaha byacu.

3 Kuki Yohana yavuze ko atari Eliya (Yohana 1:19-21) igihe Yesu yavugaga ko ari we Eliya (Matayo 11:10-14)? (Luka 1:17)

Igisubizo kiboneka muri Luka 1: 3-17. Maraika watangaje iby'ivuka rya Yohana yavuze ati: "Umugore wawe Elizabeti azakubyarir'umuhungu , uzamwite izina Yohana…kukw azaba mukuru imbere y'Umwami Imana. …Kandi azagender'imbere yayo mu mwuka n'ububasha bwa Eliya, asangany'imitima ya base n'iy'abana; n'abatumvir'Imana, azabayobora mu bwenge bw'abakiranutsi, ngw ategur'ubwoko bwatunganirijw'Umwami Imana." Imiririongo 13-17. Igihe Yesu yavugaga Yohana nkaho ari Eliya, yerekanaga iby'ubuzima bwe, umwuka we, ububasha bwe, n'umurimo wakorwaga nk'uwa Eliya. Uko ni ukuri k'ubutumwa bwa Eliya bwo mur'iyi minsi iheruka. Ishimangira riri k'ubutumbwa, ntabwo ari ku muntu. Yohana ntabwo yari Eliya mu buryo bw'umuntu, ahubwo byerekanaga ubutumwa bwa Eliya. ("Eliyasi n'imvugo yo mu Rugiriki ivuga Eliya."

4.Birashoboka ko har'uwabwiriza iby'ukuri gusesuye ko mw iherezo kwa Yesu atashizemo iby'ubutumwa bw'abamaraika batatu? Ibyahishuwe 14:6)

Oya ntibishoboka! Ubutumwa bw'abamaraika batatu bugomba kuvugwamo. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe, Yesu ubwe yerekana cyangwa avuga iby'ubutumwa bw iherezo rye (Ibyahishuwe 1:1) kandi avuga yeruye ko ubwoko bwe bugomba gukomeza gukurikirana ibyo yerekanye mu gitabo (Ibyahishuwe 1:3, 22:7). Nuko rero abavugabutumwa bo mw iherezo b'indahemuka bagomba kubwiriza ubutumwa bwa Yesu buboneka mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Ibi, mu by'ukuri, bishyiramo kubwiriza ubutumwa bwe bw'ingingo eshatu budasanzwe bwo mu Byahishuwe 14:6-14. Menya ko Yesu yita ubu butumwa "ubutumwa bwiza bw'iteka ryose" ku murongo wa 6. Yongeye kuvuga ngo bugomba guhabwa buri muntu wese wo kw isi mbere yuko agaruka mu bantu be. Aha hari ingingo eshatu zishimishije:

A. **Nta muntu numwe ubwiriza by'ukuri iby'ubutumwa bwiza bw'iteka ryose atashyizemo ubutumwa bw'abamaraika batatu.**

B. **Nta muntu numwe wemerewe kwita ubutumwa bwe "ubutumwa bwiza bw iteka ryose" mu gihe avanamo ubutumwa bw'abamaraika batatu.**

C. **Ubutumwa bw'abamaraika batatu butegurir'abantu ibyo kugaruka kwa Yesu (Ibyahishuwe 14:12-14). Uretse kuba mwakwumva, mugasobanukirwa, kandi mukemera ubutumwa buheruka bwa Yesu mu ngingo eshatu. Byashoboka ko mushobora kuba mutiteguye ibyo kuza kwe kwa kabiri.**

Ubutumwa budasanzwe bw'ibihe by'imperuka

Yesu, uzi byo dukeneye, yaduhaye ubutumwa butatu bugenewe igihe giheruka. Tugomba kubusobanukirwa no kubukurikiza. Ibyigisho munani bikurikiraho bizabagararagariza neza iby'ubwo butumwa.

5. Luke 1:17 dusoma ko ubutumwa bwa Eliya bwavugaga ko "abatumvira Imana azabayobora mu bwenge bw'abakiranutsi" Ibi bishaka kuvug'iki? (Luke 1:17)

"Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe." Abaroma 1:17. Abakiranutsi bafite ubwenge bwo kwishingikiriza agakiza kabo ku kwizera kubonerwa mu Umukiza. Nta handi agakiza kabonerwa: kuko nta rindi zina munsi y'ijuru ryahaw'abantu bakwiriye gukirizwamo." Ibyakozwe 4:12. Ubutubwa bwa Yohana bwar'ubwo gushyira ahabonereye bose. Ukwizera gushingiye ku wari we wese cyangwa se ku cyari cyo cyose bitari kuri Yesu Kristo ntigushobora kugira uwo kwakiza ibyaha no kumuyobora kuguhinduka k'ubugingo. Abantu bagomba kunva no gusobanukirwa n'iyi ngingo y'inkoramutima y'ukuri. Uku kuri ni ko nako umutima bw'ubutumwa bwa Eliya bw'Imana mu ngingo eshatu bwo mur'iyi minsi.

Ibibazo by'inkarishya bwenge

1. Ubutumwa bw'abamaraika batatu bwo mu Byahishuwe 14(1)
___ Ni imvugo ikwiriye kwaturwa n'ijwi rirenga kugira ngo byunvikane
___ Ni ubutumwa bw'Imana bwo mu minsi iheruka buvuganwa umwete n'imbaraga.
___ Nei ubuvumbuzi bw'intekerezo z'umuntu.

2. Ni izihe ngingo ziboneka hasi aha zivuga ukuri ku gitabo cy'Ibyahishuwe? (3)
___ Igitabo cyafatanishijwe ikimenyetso

___ Izina risonurwa ngo “gutwikurura” cyangwa “guhishurwa”
___ Bivuga ubutumwa abantu b’Imana bazabwirizwa mu minsi iheruka.
___ Birimo ijambo shusho rya Yesu
___ Imana yavumye abiga icyo gitabo

3. The message of the three angels must go to every person before Jesus returns. (1): Ubutumwa bw’abamaraika batatu bugomba kugera kuri buri muntu mbere yuko Yesu agaruka (1)
___ Yes. Yego
___ No. Oya

4. Ubutumwa bwa maraika wa mbere bushimangira ibi bikurikira: (3)
___ Ni ubutumwa bw’iteka ryose buvugwa
___ Ni ubutumwa budashobora kwumvikana
___ Ihindagurika cg kwivugurura kw’ibintu shingiro (Evolution) ni inyigisho nziza ya gikristo
___ Guca imanza birimo ubu birakorwa
___ Dukwiriye kubaha no kwiringir’Imana by’ukuri
___ Umuntu uwari we wese akwiriye kuramya icyari cyo cyose yifuza

5. Ubutumwa bwa maraika wa kabiri buravuga ngo iraguye Babuloni, kandi maraika wo mu Byahishuwe 18 ahamagarira abantu b’Imana bari muri Babuloni kuyisohokamo. (1)
___ Yego
___ Oya

6. Ubutumwa bwa maraika wa gatatu buhamagarira abantu bose b’Imana kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa.
___ Yego
___ Oya

7. Ibyahishuwe 14:12 havuga iby’ubwoko bw’Imana buryo ki? (2)
___ Burihangana
___ Ni ubwoko bwera
___ Ubwoko butemera iby’amategeko cumi
___ Ubwoko bufite kwizera guke

8. Ni iki kizabaho ako kanya nyuma yuko ubutumwa bwiza bugera kuri buri muntu? (1)
___ Amoko yose arihana
___ Imana yongera kubaka New York na London
___ Kugaruka kwa kabiri kwa Yesu guhita kubaho.

9. Ni bihe muri bi bikurikira by’ubutumwa bw’ukuri kw’ iki gihe tugezemo?
___ Ubutumwa bwa Yona kuri Niniwe
___ Ubutumwa bwa Nowa mbere y’umwuzure
___ Ubutumwa bw’abamaraika batatu bwo mu Byahishuwe 14:6-14.

10. Ni zihe ngingo z’ukuri zerekeye ubutumwa bw’abamaraika batatu? (6)
___ Ubu butumwa buriho burabwirizwa
___ Ubu butumwa burashimangira agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo gusa
___ Bushobora nabwo kwitwa ubutumwa bwa Eliya
___ Eliya azaboneka nk’umuntu gufasha kubwerekana
___ Bushimangira imibereho ya gikristo y’ihindagurika kw’ibintu shingiro.
___ Abantu benshi ntibazigera babwunva
___ Buzahuriza abagiz’umuryango hamwe mu misabanire yuje urukundo.
___ Imbaraga idasanzwe izabuherekeza
___ Bufasha abantu kwitegura kugaruka kwa kabiri kwa Yesu.

11. Yohana Umubatiza yiswe Eliya mu gihe cye kubera (1):
___ Yakundaga guhamagara umuriro uvuye mw ijuru
___ Umutambyi mukuru yahisemo (preferred) iryo zina
___ Kubwiriza kwe, mu mwuka no mu mbaraga bya Eliya, byateguriraga abantu kuza kwa mbere kwa Yesu.

12. Ijambo “ubutumwa bwiza” risobanurwa “inkuru nziza.”
___ Yego
___ Oya